ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Umwanditsi Mukuru akaba n'Uwashinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wa Fish House Ltd iri mu gihombo aramenyesha amasosiyete akora ibikorwa by'igenagaciro ku mitungo itimukanwa cyangwa ababikora ku giti cyabo gupiganirwa iryo soko.

Uwifuza gupiganirwa iryo soko agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

(a) Kuba afite icyemezo kigaragaza ko yanditse nk'umucuruzi ;
(b) Sosiyete cyangwa umucuruzi ku giti cye upiganwa agomba kuba asanzwe akora ibikorwa byo gukora igenagaciro, ibyo bikagaragazwa no kuba afite nibura ibyemezo bibiri (2) bigaragaza aho yakoze bene ako kazi kandi yagakoze neza ;
(c) Kuba afite icyemezo kigaragaza ko atabereyemo Leta imisoro (RRA) ;

Uwifuza gupiganirwa iryo soko asabwe kuba yagejeje mu biro by'Umwanditsi Mukuru kuri RDB dosiye ibisaba ikubiyemo ibaruwa isaba ndetse n'ibyangombwa byavuzwe haruguru kandi igaragaza igiciro cy'igenagaciro iri mu ibahasha ifunze neza. Gutanga ayo mabahasha bizakorwa bitarenze tariki ya **12 Gicurasi 2023**, saa tatu za mugitondo. Gufungura amabahasha bizakorwa mu ruhame uwo munsi tariki ya **12Gicurasi 2023**, saa yine za mugitondo.
Uwo mutungo ukaba ari ikiraro cyorererwagamo ingurube kibarizwa mu karere ka Ruhango Umurenge wa Ruhango mu Kagali ka Bunyogombe Umudugudu wa Bugarura. Uwo mutungo ukaba ufite UPI : 2/06/09/02/14940.

Kigali, kuwa 24 **Gicurasi 2023**

FISH HOUSE Ltd
Tin:103458638
Kigali - Rwanda
IN LIQUIDATION

Richard KAYIBANDA
Umwanditsi Mukuru/Ushinzwe Iyegeranya n'Igabagabanya rya Fish House Ltd iri mu gihombo